REPUBULIKA Y'U RWANDA
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Gisagara

# IMBANZABIGWI N°79

## Igihembwe cya gatatu 2018-2019

IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA GISAGARA - GISOHOKA RIMWE MU GIHEMBWE





Guest House Gisagara





GISAGARA : AGAKIRIRO KA RWANZA - SAVE



Gymnase Gisagara

***RUSWA NI IMUNGU, ISENYA UBUYOBOZI N'UBUKUNGU: AMAGANA RUSWA, WITANGA RUSWA KUKO SERIVISI NI UBURENGANZIRA BWAWE. NTUBYIHERERANE: HAMAGARA No ITISHYURA 4058 CYANGWA 0788612293/ 0783572619***

IMBANZABIGWI, DUKORANE UMURAVA DUTERE IMBERE

Ikinyamakuru cyanyu IMBANZABIGWI cyarahababereye, kirabagezaho amakuru anyuranye y'ibibera mu Karere ndetse no hanze yako.

# IJAMBO RY'IBANZE



Abaturage ni inkingi y'imiyoborere myiza, iterambere n'imibereho myiza. Ibyo bigomba kugaragarira mu bibakorerwa, kandi umuturage akabigiramo uruhare, mu itegurwa ryabyo, kubishyira mu bikorwa no kubigenzura, akabigira ibye.

Iterambere rigomba kuba irihindura imibereho y'umuturage, rikagira urwego rimuvanamo rikamushyitsa ku rundi rwo hejuru. Iterambere dukeneye rigomba kugaragara ku muturage, mu bikorwa by'iterambere rye, ku myambarire ye, imirire ye, mu rugo rwe, ku bo mu rugo rwe, mbese mu mibereho ye yose muri rusange.

Gusa hari byinshi bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage. Muri ibyo harimo abana bata cyangwa batajyanwa mu ishuri, abaturage batagira aho baba, abadafite ubwiherero, abadafite igikoni, abatagira ubwisungane mu kwivuza, abakirarana n'amatungo, umwanda, hari n'ahagaragara abarwaye imbaragasa cyangwa ibimenyetso by'imirire mibi (malnutrition) n'igwingira.

Ndasaba abakozi bose aho bava bakagera bakorera mu Karere, abayobozi ku nzego zose zikorera mu Karere, abikorera n'abihayimana ndetse by'umwihariko abaturage bose, gukora ibishoboka byose ibyo bibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage bikarangira byihuse, bitarenze ukwezi k'Ukuboza 2019.

Umuyobozi ntagomba gusiga umuturage mu rugendo rw'iterambere n'imibereho myiza, ahubwo bagomba kugendana, umuturage yagera ahamugoye mukaba muri kumwe ukamuzamura. Iherezo ni uko twese abanyarwanda tugomba kubaho neza kandi heza.

**RUTABURINGOGA Jerome**
**Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara**

**IBIKUBIYEMO**

Ijambo ry'ibanze....2
Akarere ka Gisagara ku isonga mu gutanga amashanyarazi ku baturage benshi ....3
Ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere mu mwaka wa 2018-2019....4-10
Tumenye imikorere y'abunzi ....10-15
Imyanzuro y'umwiherero w'abayobozi mu Ntara y'Amajyepfo ....16-20

# AKARERE KA GISAGARA KU ISONGA MU GUTANGA AMASHANYARAZI KU BATURAGE BENSHI



Gahunda y'Igihugu y'imyaka 7 y'impinduka zo kwihutisha iterambere 2017-2024 (NST1: National Strategy for Transformation) iteganya ko mu mwaka wa 2024 abaturage bagera kuri 100% bagomba kuba bafite umuriro w'amashanyarazi. Uyu mwaka 2018-2019 wonyine Akarere ka Gisagara kahaye amashanyarazi yo ku muyoboro rusange ingo zigera kuri 10,670 n'ingo zigera kuri 208 zahawe amashanyarazi aturuka ku mirasire y'izuba (16.3%), uwo muvuduko ukaba udasanzwe.

Akarere ka Gisagara gafite ingo zigera kuri 81451, izigera kuri 35539 ni zo zimaze kubona amashanyarazi bihwanye na 43.6%. Ibyo bisobanura ko kugira ngo Gisagara ishobore guha abaturage amashanyarazi ku kigero cya 100%, birasaba umuvuduko udasanzwe, kuko muri iyi myaka 5 isigaye kagomba kugeza amashanyarazi ku ngo 45912.

Uwo muvuduko Gisagara yakoresheje uyu mwaka wa 2018-2019 ntusanzwe ku buryo n'uwavuga ko ari uwa mbere mu gihugu ataba yibeshe. Kandi nibakomereza aho, umwaka wa 2024 uzarangira abaturage bose bafite amashanyarazi nk'uko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika abiteganyiriza abanyarwanda bose. Ibi bizatuma iterambere n'imibereho myiza byihuta mu baturage bose.

Twakwibutsa ko mu mwaka wa 1994, jenoside yakorewe abatutsi irangiye, Imirenge ya Savve na Gikonko ari yo yageragamo amashanyarazi gusa, ariko nayo akagera ku kiriziya n'ibigo by'amashuri y'abihayimana gusa (i Save) no ku ruganda rw'umuceri n'ahahoze ibiro bya komini Mugusa I Gikonko. Aho hose abaturage bari bafite amashanyarazi bageraga kuri 15 gusa. Uyu mwaka wa 2018-2019 Imirenge yose n'Utugari twose twagejejwemo umuriro w'aamashanyarazi. Ibigo bya Leta byose n'iby'abikorera bifite umuriro w'amashanyarazi kandi abaturage 35,539 bafite umuriro mu ngo zabo: 25,117 bafatiye ku muyoboro rusange naho 10422 ku mirasire y'izuba.

***Dukorane umurava, Dutere imbere.***





# IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA MU MWAKA 2018-2019

## IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA YATERANYE KUWA 02/09/2018

| Nº y'icyemezo | Icyemezo cyafashwe | Uko cyashyizwe mu bikorwa |
|---|---|---|
| **107/09/18-19** | Abajyanama bamaze kuzisoma no kuzikorera ubugororangingo, bemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 25/05/2018 n'inyandikomvugo y'inama yo kuwa 28/06/2018 | Zashyikirijwe Intara mu minsi itanu nyuma y'uko zemejwe |
| **108/09/18-19** | Inama Njyanama yagejejweho ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yari yafatiwe mu nama yayo isanzwe yo kuwa 25/05/2018 n'iy'inama yayo idasanzwe yo kuwa 28/06/2018 ishima ko imyanzuro yose yashyizwe mu bikorwa | Ishyirwamubikorwa ry'iyi myanzuro ryarashimwe |
| **109/09/18-19** | Inama Njyanama yasabye ko business plans za gymnase, guest house, yego center n'agakiriro zashyikirizwa komisiyo yayo y'ubukungu ikazisuzuma | Zashyikirijwe Komisiyo |
| **200/09/18-19** | Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere gutegura raporo y'uko 2016/17 Auditor General Recommendations zashyizwe mu bikorwa no kuyishyikiriza Audit Committee kugira ngo iyisuzume | Iyi report yashyikirijwe Audit Committee |
| **201/09/18-19** | Inama Njyanama yemeje ibikorwa byakozwe na Biro y'Inama Njyanama | Gahunda y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama 2018 |
| **202/09/18-19** | Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'imibereho myiza gukora inyigo irambuye igaragaza ibikenewe gukorwa ku mudugudu wa Kabuye n'ishyirwamubikorwa ryabyo hakurikijwe ibyihutirwa byaba bikozwe vuba n'ibyazakurikiraho mu gihe cyiri imbere | Komisiyo yarabikoze |
| **203/09/18-19** | Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwita ku kubahiriza igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Gisagara ( Master Plan ) no gufatanya n'Inzego bireba mu kuvugurura iki gishushanyo hamamijwe kugira ngo kijyane n'igihe ariko kandi binoroshye isyirwamubikorwa ryacyo | Byarakozwe ndetse n'ubu hari gukorwa expropriation ku bibanza bizubakwa |
| **204/09/18-19** | Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kwihutira kwishyura ibikorwa by'abaturage (Expropriation) bikigaragara ahagenwe kubakwa amazu agezweho hagamijwe kugira ngo hakatwe ibibanza bihabwe abakozi, abashoramari na ba rwiyemezamirimo bifuje kubaka amacumbi agezweho, kuri iyi ngingo kandi Komite Nyobozi yasabwe kureba uburyo bwakorohereza abakozi n'abandi bashaka kugura ibyo bibanza | Byarakozwe bishyikirizwa inama y'Inama Njyanama kuwa 10/11/2018 |
| **205/09/18-19** | Ku bijyanye n'umusaruro ukomoka ku bitoki, Inama Njyanama yasabye ko hababo inama vuba n'abafite inganda igasuzumirwamo uko umusaruro w'ibitoki by'abaturage ugurwa n'uko abaturage bagezwaho ibinyobwa byatunganyirijwe mu nganda | Iyi nama yarabaye kuwa 06/09/2018 kandi byatanze umusaruro |
| **206/09/18-19** | Inama Njyanama yemeje ko hajyaho Komisiyo idasanzwe izafasha gukora inspection buri gihe ku nganda kugira ngo harebwe niba koko ibyo bakora byujuje ubuziranenge, ikazafasha gushyira imbaraga mu kurwanya nyirantare Abajyanama bazahagararira Inama Njyanama y'Akarere muri iyi Komisiyo akaba ari (Cllr BAMPIRE Clementine, Cllr MINANI Protogene, Cllr MUSHIMIYIMANA Laurette) naho abandi bagize iyi Komisiyo bakazagenwa na Komite Nyobozi | Iyi Komisiyo yagiyeho kandi irakora neza |
| **207/09/18-19** | Inama Njyanama yemeje ibikorwa bya Komite Nyobozi y'Akarere by'amezi 6 ya ( Mutarama – Kamena 2017/18) | Byaremejwe |
| **208/09/18-19** | Inama Njyanama yemeje ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2017/18 isaba Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akarere gukurikirana buri gihe ko ibigo by'amashuri bihabwa Capitation Grant ku gihe | Byaremejwe |

<table>
<tr><th>Nº y'icyemezo</th><th>Icyemezo cyafashwe</th><th>Uko cyashyizwe mu bikorwa</th></tr>
<tr><td>209/09/18-19</td><td>Inama Njyanama yemeje imbonerahamwe y'imitangire ya serivisi (Service Charter ) isaba Akarere ko zakwihutira kugezwa ku mirenge n'utugari kugira ngo zitangire gukoreshwa uhereye mu ntangiriro y'igihembwe cya kabiri 2018/19</td><td>Service Chater yaremejwe ishyikirizwa inzego bireba</td></tr>
<tr><td>210/09/18-19</td><td>Inama Njyanama yemereye MOUNAFO Ltd kwishyura mu byiciro imigabane y'Akarere ka Gisagara iri muri GABI Ltd, Inama Njyanama yasabye kandi ko hakorwa « Shareholder Purchase Agreement » igaragaza amasezerano arambuye y'ibizubahirizwa na MOUNAFO birimo n'ibihano ku bukererwe mu kwishyura</td><td>Byarakozwe ubu yatangiye kwishyura</td></tr>
<tr><td>211/09/18-19</td><td>Inama Njyanama yemeje ubusabe bwa Bwana BAKUNDUKIZE Elysée wari Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere uhagarariye abafite ubumuga wanditse asezera mu Nama Njyanama y'Akarere kubera izindi nshingano yahawe zitabangikanwa no kuba mu bagize Inama Njyanama y'Akarere</td><td>Byarakozwe azasimburwa mu matora ateganyijwe vuba</td></tr>
<tr><td>212/09/18-19</td><td>Inama Njyanama yemeje gahunda y'ikiruhuko cy'umwaka ku bagize Komite Nyobozi y'Akarere ku buryo bukurikira:
<table>
<tr><td>Executive Committee</td><td>Starting Leave</td><td>Ending Leave</td></tr>
<tr><td>Mayor</td><td>02/10/2018</td><td>31/10/2018</td></tr>
<tr><td>Vice Mayor Social affairs</td><td>03/11/2018</td><td>03/12/2018</td></tr>
<tr><td>Vice Mayor Economic development</td><td>10/12/2018</td><td>10/01/2019</td></tr>
</table></td><td>Byarubahirijwe</td></tr>
<tr><td>213/09/18-19</td><td>Inama Njyanama yiyemeje gukurikirana buri gihe ishyirwamubikorwa ry'imihigo n'abashinzwe kuyishyira mu bikorwa hakurikijwe gahunda yashyizweho y'ishyirwamubikorwa ryayo no gukurikiranira hafi buri wese bireba kugira ngo habeho ubuhwituzi kare</td><td>Birakorwa</td></tr>
<tr><td colspan="3">IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA YATERANYE KUWA 10/11/2018</td></tr>
<tr><td>214/11/18-19</td><td>Abajyanama bamaze kuyisoma no kuyikorera ubugororangingo, bemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 02/09/2018</td><td>Yashyikirijwe Intara mu minsi itanu nyuma y'uko yemejwe</td></tr>
<tr><td>215/11/18-19</td><td>Inama Njyanama yagejejweho ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yari yafatiwe mu nama yayo isanzwe yo kuwa 02/09/2018 ishima ko imyanzuro yose yashyizwe mu bikorwa</td><td>Ishyirwamubikorwa ry'iyi myanzuro ryarashimwe</td></tr>
<tr><td>216/11/18-19</td><td>Inama Njyanama yemeje ingano y'ikibanza (plot size ) mu gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Gisagara 15m x 20m naho ku bijyanye n'igiciro kuri $m^2$ no kugena "plans" zizakurikizwa mu kubaka, Komite Nyobozi yasabwe gukorana n'abatekinisiye bireba "proposals" zikazashyikirizwa inama y'Abaperezida bitarenze ukwezi kumwe nyuma y'uko ibi byemezo bibaye Itegeko</td><td>Inama y'Abaperezida yaratumijwe izaterana kuwa 16/12/2018</td></tr>
<tr><td>217/11/18-19</td><td>Inama Njyanama yagejejweho raporo y'isura ry'inganda zenga urwagwa ishima uko iri genzura rikorwa ariko isaba ko ryakomeza kandi mu byo bareba hakiyongeraho kureba ko abakozi bakora mu ruganda bipimishije uburwayi bwandura. Kuri iyi ngingo, inama yashyigikiye ko aho bazasanga bakora nabi bazahita bafungirwa</td><td>Birakorwa</td></tr>
<tr><td>218/11/18-19</td><td>Ku birebana n'umwenda Bwana KIMONYO Innocent na bagenzi be babereyemo Terimbere Sacco Kibirizi, Komite Nyobozi yasabwe gukora plan y'uko uyu mwenda ugomba kuba wishyuwe bitarenze umwaka umwe, iyi plan ikaba izemezwa mu nama y'Abaperezida na Bwana KIMONYO Innocent yayishyizeho umukono maze ishyikirizwe Terimbere Sacco Kibilizi kugira ngo bakurikirane uko izubahirizwa</td><td>Inama y'Abaperezida yaratumijwe izaterana kuwa 16/12/2018</td></tr>
<tr><td>219/11/18-19</td><td>Inama Njyanama yemeje imihanda y'Akarere yo mu rwego rwa kabiri (District Road Class II)</td><td>Byashyikirijwe RTDA</td></tr>
<tr><td>220/11/18-19</td><td>Inama Njyanama yemeje raporo ya Komisiyo yayo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu isaba Komite Nyobozi gukurikiranira hafi ishyirwamubikorwa ry'imishinga ya LCF no kujya ibitangaho raporo ya buri gihembwe mu nama Njyanama</td><td>Birakorwa</td></tr>
</table>

| Nº y'icyemezo | Icyemezo cyafashwe | Uko cyashyizwe mu bikorwa |
|---|---|---|
| **221/11/18-19** | Inama Njyanama yashyigikiye itangizwa ku mugaragaro ry'ubufatanye bwayo n'abatuye umudugudu wa Kabuye | Bizanagarukwaho mu nama itaha y'Abaperezida |
| **222/11/18-19** | Inama Njyanama yashyigikiye umwanzuro wa Komite Nyobozi y'Akarere wo guhagarika by'agateganyo abakozi bakoze amakosa mu micungire ya VUP mu mirenge ya Muganza na Mugombwa isaba ko bikomeza gukurikiranwa abo amakosa ahamye bagasezererwa ku kazi burundu | Biracyakurikiranwa |
| **223/11/18-19** | Inama Njyanama yasheshe C.A ( Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Kibilizi) kubera uburangare no kudashyira mu bikorwa inshingano za C.A bituma ibi bitaro bihorana ibibazo mu micungire y'abakozi, imari n'umutungo bya Leta isaba Komite Nyobozi y'Akarere kuzashyikiriza Inama Njyanama "proposal" y'abazaba bagize C.A nshya y'ibi bitaro ngo bemezwe n'Inama Njyanama | Byarakozwe abahagaritswe barandikiwe |
| **224/11/18-19** | Inama Njyanama yemeje raporo ya Audit Committee ku bugenzuzi bwakozwe isaba Komite Nyobozi gushyira mu bikorwa inama zatanzwe no kuzashyikiriza inama y'Inama Njyanama y'ubutaha raporo y'ishyirwamubikorwa | Birakurikiranwa |
| **225/11/18-19** | Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwandikira Ibitaro bya Gakoma basabwa gutanga ibisobanuro ku myitwarire idakwiye bagaragaje ubwo bakorerwaga ubugenzuzi ku matariki ya 11/09/2017 kugera 02/10/2017 | Barandikiwe |
| **226/11/18-19** | Inama Njyanama yemeje raporo y'ishyirwamubikorwa ry'Imihigo y'Akarere Q1- 2018/19 isaba ko imbaraga zakoreshejwe muri iki gihembwe zikomeza ariko hanitabwa ku kuganira n'abaturage kugira ngo ibikorwa biri mu mihigo babigire ibyabo | Biracyakomeza gushyirwamo ingufu |
| **227/11/18-19** | Inama Njyanama yemeje raporo y'ishyirwamubikorwa ry'Igengo y'Imari y'Akarere (Nyakanga – Ugushyingo FY 2018/19 ) isaba Akarere kujya kaka amafaranga hashingiwe ku bikorwa biteganywa gukorwa vuba aho gusaba amafaranga atazakenerwa vuba. | Birakurikizwa |
| **228/11/18-19** | Inama Njyanama yiyemeje gufatanya na Komite Nyobozi n'abaturage gukomeza gushyira ingufu mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage (HSIs) cyane cyane hitabwa ku gufasha abatagira ubwiherero kubona isakaro. | Byashyizwemo ingufu ku buryo biteganyijwe ko iki kibazo kigomba kuba cyarangiye bitarenze kuwa 15/12/2018 |

**IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA YATERANYE KUWA 14/02/2019**

| Nº y'icyemezo | Icyemezo cyafashwe | Abagitoreye | Uwo bireba | Igihe kizashyi-rirwa mu bikorwa |
|---|---|---|---|---|
| **229/02/18-19** | Nyuma yo kugezwaho ibisobanuro n'Umugenga w'Ingengo y'Imari y'Akarere ka Gisagara ku birebana n'uburyo ingengo y'imari y'Akarere yashyizwe mu bikorwa mu mezi atandatu ashize n'ibyashingiweho kugirango hasabwe ko Ingengo y'Imari yari yaremejwe ivugururwa, Abajyanama batanze ibitekerezo cyane cyane byibanze ku kunoza ibikorwa bizakoresha amafaranga Akarere gateganya kwinjiza no kongera ‹ target › y'amafaranga yinjizwa n'Akarere maze abari mu nama bemeza Ingengo y'Imari y'Akarere ivuguruye n'imigereka yayo ihwanye na<br><br>**Ingengo y'imari** / **Ingengo y'imari yateganyijwe 2018/19** / **Ingengo y'imari ivuguruye** / **Ijanisha ry'inyongera** / **Amafaranga yiyongereyeho**<br>Yose hamwe / 14,992,898,821 / 16,387,590,507 / 0.9 / 1,394,691,686<br><br>Ku bijyanye na Gisagara Volley Ball Club hasabwe ko hakoreshwa own revenues hakaboneka amafaranga azatuma ikipe isohokera Igihugu mu Misiri, Komite Nyobozi yaasabwe ko hashakishwa uko haboneka inkunga yo gufasha iyi kipe hatagombye gutegereza amafaranga y'Akarere gusa | Cyatowe na 19/19 | DES (CBM) | Mutarama – Kamena 2019 |

| Nº y'icyemezo | Icyemezo cyafashwe | Abagitoreye | Uwo bireba | Igihe kizashyi-rirwa mu bikorwa |
|---|---|---|---|---|
| **230/02/18-19** | Abajyanama bashimye uko document yakozwe basaba ko habaho gukora agatabo gahinnye kakazakorwa n'umuhanga byaba ngombwa bikanyura mu isoko kagaragaza iby'ingenzi biyikubiyemo maze hakazategurwa inama nini itumiwemo abafatanyabikorwa bose n'abagize Inama Njyanama barimo hakabaho kumenyekanisha (Launch of DDS ) uyu mugambi urambye w'Akarere hagamijwe gushishikariza abantu benshi guzawigiramo uruhare;<br>Inama Njyanama imaze kuganira ku cyerekezo kirambye cy'Akarere ka Gisagara, imaze gusuzuma uko inzego zose bireba zabiganiriyeho igasanga ibitekerezo byari bikenewe byaratanzwe, yemeje "DDS" y'Akarere ka Gisagara igomba gushyirwa mu bikorwa kugeza Kamena 2024 | Cyatowe na 19/19 | Komite Nyobozi y'Akarere | Kugera 2024 |
| **231/02/18-19** | ABAGIZE C.A. Y'IBITARO BYA KIBILIZI<br>AMAZINA – ICYIKIRO BAHAGARARIYE (Legal basis)<br>1.MUSHIMIYIMANA Laurette – District Council<br>2.NDORIMANA Prudence – Civil Society<br>3.MUDAHUNGA Gerard – Executive Committee<br>4.SEMACUMI John – Health Center<br>5.NKINDI SONGA Yves – PSF<br>6.Dr TWIZEYIMANA J. Dieu – Kibilizi Hospital Director **Ku bayobozi b'Ibitaro usimbuye uwari uriho ahita amusimbura no muri CA**<br>**N.B: Abakuwe mu zindi CA n'uburyo basimburwe aho bavuye**<br>1. MUSHIMIYIMANA Laurette yasimbuwe na NZABARINDA Ernest (CA Hop. GAKOMA)<br>2. SEMACUMI John yasimbuwe na GIRAMAHORO Jean Luc (CA Pharmacy y'Akarere)<br>3. NKINDI SONGA Yves yasimbuwe na NSABIMANA Diogene (CA Pharmacy y'Akarere) | Cyatowe na 19/19 | Komite Nyobozi y'Akarere | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA YATERANYE KUWA 15/03/2019**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **232/03/18-19** | Umucamanza n'Umwanditsi b'Urukiko Rwisumbuye rwa Huye bakiriye indahiro z'abajyanama bashya batowe basimbye abasezeye aribo:<br>Madame DUSABE NTAMUTI Julienne watorewe muri 30% by'abagore,<br>Bwana NGABONZIZA Egide uhagarariye abafite ubumuga na Madame UWIZEYIMANA Françoise uhagarariye abagore (NWC) | Cyatowe na 22/22 | Inama Njyanama na Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |
| **233/03/18-19** | Abajyanama bamaze kuzisoma no kuzikorera ubugororangingo, bemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 10/11/2018 n'iy'idasanzwe yo kuwa 14/02/2019 | Cyatowe na 22/22 | Njyanama na Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |
| **234/03/18-19** | Inama Njyanama yagejejweho ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yari yafatiwe mu nama yayo isanzwe yo kuwa 10/11/2018 n'iy'idasanzwe yo kuwa 14/02/2019 ishima ko imyanzuro yose yashyizwe mu bikorwa | Cyatowe na 22/22 | Njyanama na Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |
| **235/03/18-19** | Komite Nyobozi yagiriwe inama yo gukora gahunda y'imikino ya gicuti mu mazone abaturage bakerekwa ibikombe ikipe yabo ya GVC yatwaye kugira ngo ikipe yabo bakomeze kuyishyigikira | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Amezi 3 |
| **236/03/18-19** | Abajyanama bashya bashyizwe muri za Komisiyo aho Madame DUSABE NTAMUTI Julienne yashyizwe muri Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu naho Bwana NGABONZIZA Egide na Madame UWIZEYIMANA Françoise bashyirwa muri Komisiyo y'Imibereho Myiza y'abaturage | Cyatowe na 22/22 | Njyanama na Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |
| **237/03/18-19** | Inama Njyanama yagejejweho ibyakozwe na Biro yo kuwa 27/02/2019 n'ibyakozwe n'Inama y'Abaperezida kuwa 16/12/2018 maze irabyemeza | Cyatowe na 22/22 | Njyanama na Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |
| **238/03/18-19** | Imaze gusuzuma raporo yagejejweho na Komisiyo yayo y'Imiyoborere Myiza yarayemeje isaba Akarere gukurikirana vuba ikibazo cy'umuturage Pacifique Athanase Gommes uvuga ko ari mwene SEBURIKOKO Narcisse akaba aburana isambu ya se iherereye aho Akarere kubatse inzu y'imikino (gymnase) | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |

| Nº y'icyemezo | Icyemezo cyafashwe | Abagitoreye | Uwo bireba | Igihe kizashyirirwa mu bikorwa |
|---|---|---|---|---|
| **240/03/18-19** | Inama Njyanama yagejejweho ibyakozwe na Komisiyo yayo y'Imibereho Myiza maze irabyemeza isaba Komite Nyobozi gukurikirana no gukemura ikibazo cy'amafaranga MINEDUC igenera abashinzwe uburezi mu mirenge | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **241/03/18-19** | Inama Njyanama yagejejweho ibyakozwe na Komisiyo yayo y'Iterambere ry'Ubukungu maze irabyemeza isaba Komite Nyobozi gukurikirana ihunikiro ry'imyaka ryari riteganyijwe Rwanza – Save rikimurirwa i Musha | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **242/03/18-19** | Hemejwe ko amafaranga Akarere kabona avuye muri GABI Ltd yajya ashyirwa mu rindi shoramari hagatekerezwa ku mishinga irambye | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **243/03/18-19** | Inama Njyanama yagejejweho ibyakozwe na Audit Committee irabyemeza isaba Komite Nyobozi korohereza Internal Auditors mu bijyanye na transport kugira ngo bashobore kurangiza neza ishingano bahawe | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **244/03/18-19** | Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukora documentation ya za best practices (EP Rubona na GS Gikore) isabira ishimo abayobozi b'ibigo by'amashuri bagaragaza udushya | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Amezi 2 |
| **245/03/18-19** | Inama Njyanama yagejejweho raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi by'amezi atandatu irayishima isaba ko hakorwa ibishoboka byose (ku nyubako yayo no kubiyigize) hakihutishwa ibikenewe byose kugira ngo « Operation data Room » ibe ihari kandi ikora neza | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **246/03/18-19** | Ku bijyanye n'ishyirwamubikorwa ry'imishinga minini y'amajyambere 2018/19 n'imishinga minini y'amajyambere iteganyijwe 2019/20;<br>Komite Nyobozi yasabwe gukora ubuvugizi hakazaboneka public lighting ku muhanda wa kaburembo uri kubakwa,<br>Inama Njyanama yemereye abikorera ku giti cyabo bifuza kubaka isoko rigezweho rya Rwanza kubashakira ikibanza no kubakoreshereza inyigo | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Amezi 2 |
| **247/03/18-19** | Komite Nyobozi yasabwe gukomeza imikoranire y'inganda n'abaturage mu bijyanye no guteza imbere igihingwa cy'urutoki | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **248/03/18-19** | Mu gihe procurement plan irimo kubahirizwa neza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasabwe gusabira amafaranga ku gihe no gukurikirana ko ingengo y'imari yubahirizwa neza | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi + CBM | Ukwezi 1 |
| **249/03/18-19** | Inama Njyanama yashimye Imyanzuro yavuye mu Mwiherero w'Abayobozi Bakuru b'Igihugu yiyemeza gufatanya n'abandi kuyishyira mu bikorwa | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **250/03/18-19** | Ku bijyanye n'inama twagiriwe y'Intara ku byerekeye kongerera ubushobozi abagize Inama y'Ubutegetsi (CA) y'ibitaro bya Kibirizi, Inama Njyanama yemeje ko Bwana NTAGANZWA Athanase wari muri CA y'ibitaro bya Gakoma asimbura MUDAHUNGA Gerard wari muri CA ya Kibirizi naho Bwana UWINGABIRE Bosco agasimbura Bwana NTAGANZWA Athanase muri CA ya Gakoma | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA YATERANYE KUWA 01/06/2019**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **251/06/18-19** | Abajyanama bamaze kuyisoma no kuyikorera ubugororangingo, bemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 15/03/2019 | Cyatowe na 22/22 | Njyanama na Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |
| **252/06/18-19** | Inama Njyanama yagejejweho ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yari yafatiwe mu nama yayo isanzwe yo kuwa 15/03/2019 ishima ko imyanzuro yose yashyizwe mu bikorwa | Cyatowe na 22/22 | Njyanama na Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |
| **253/06/18-19** | Komite Nyobozi yagiriwe inama yo gushaka ahava ubushobozi hose bwafasha kwishyura ideni ryasizwe n'iyubakwa ry'Urwibutso rwa Kabuye byamara kuboneka bikazashyikirizwa Inama y'Abaperezida | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Amezi 3 |
| **254/06/18-19** | Inama Njyanama yasabye ababishinzwe ku Karere gushyiraho uburyo (monitoring system ) bwo gukurikirana ibikorwa by'uburezi haba mu gusura ibigo by'amashuri haba no gukurikirana uko ibigo bigezwaho amafaranga n'uko akoreshwa | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |

| Nº y'icyemezo | Icyemezo cyafashwe | Abagitoreye | Uwo bireba | Igihe kizashyirirwa mu bikorwa |
|---|---|---|---|---|
| **255/06/18-19** | Nyuma yo kwemeza ibikorwa byakozwe na Biro yayo, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kuganiriza umuturage witwa RUZINDANA François usaba ingurane y'ubutaka bwe yari yarahawe na Leta nyuma Akarere kakaza kuhashyira ibikorwa by'inyungu rusange. Uyu muturage arasabwa kwemera ingurane y'amafaranga bikabarwa neza n'ababishinzwe Akarere kakayamuha | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **256/06/18-19** | Komite Nyobozi yasabwe gukomeza gukurikiranira hafi imitangire ya serivise muri guest house | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Umunsi ku munsi |
| **257/06/18-19** | Komite Nyobozi yasabwe kwandikira LODA isabira Uburenganzira ba Agronome b'imirenge bwo guhemba abagenerwabikorwa ba VUP kuko byagaragaye ko bagira uruhare runini muri ibi bikorwa | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **258/06/18-19** | Komite Nyobozi yasabwe kwandikira Umuyobozi ku Karere (Director) w'ishami ry'imibereho myiza yibutswa kwita ku nshingano ze | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **259/06/18-19** | Komite Nyobozi yasabwe kwibutsa Ishami ku Karere rya OSC guteganya mu ngengo y'imari y'Akarere uburyo bwo kwita ku byifuzo byagaragajwe n'abatuye muri Ruhuha Model Village. (Kuba Post de santé yashakirwa aho gutwikira imyanda hakwiye, kubakirwa ahantu ho kwidagadurira (ibibuga by'imikino ), Salle polyvalente na ECD , kugezwaho ibikoresho by'ibanze byo mu gikoni bari baremerewe ariko ntibabibone, bakifuza no guhabwa public lighting) | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **260/06/18-19** | Inama Njyanama yemeje igurana ry'ubutaka hagati y'Ishuri ry'Akarere na Paruwasi ya BYIZA, aho iyi Paruwasi yifuza kwagurira inyubako ya centrale mu kagari ka GASAGARA umurenge wa GIKONKO Ishami rya OSC rigasabwa kwita ku nyandiko za ngombwa mu gihe k'igurana ry'ubu butaka | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **261/06/18-19** | Komite Nyobozi yasabwe guteganya uburyo bwo gutubura ibiti by'imbuto ziribwa muri buri murenge | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **262/06/18-19** | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasabwe gukurikirana imikorere y'ishami ry'imari ku Karere no gukosora ibyagaragajwe n'ubugenzuzi hagamijwe ko Akarere ka Gisagara kabona «Clean Audit» | Cyatowe na 22/22 | DES | Amezi 2 |
| **263/06/18-19** | Nyuma yo kwemeza ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere umwaka wa 2018/2019, Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kunoza uburyo bwo gusaba amafaranga Minecofin hakajya hasabwa amafaranga akenewe guhita ko akoreshwa uwo mwanya | Cyatowe na 22/22 | DES | Ukwezi 1 |
| **264/06/18-19** | Imaze gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2019/20, Inama Njyanama yawemeje ariko isaba Komite Nyobozi twita kuri ibi bikurikira:<br><br>(Ikorwa r'iteme riri i Kansi rihuza Kansi na Mukomacara, gushaka ingemwe zizewe zitanga umusaruro za makadamiya, kongera ubukangurambaga mu kubyaza umusaruro amaterasi, kwita ku gukomeza gukora ubuvugizi mu kongera ibyumba by'amashuri bishya, gusana ibihari no kwimura imihanda inyura mu bigo by'amashuri, kwita ku mazu ashaje y'imiryango y'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994, kwita kuri expropriation y'ikibanza cyazubakwamo n'abacuruzi ba Kansi mu gutangiza «Commercial Center» ) | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Amezi 2 |
| **265/06/18-19** | Imaze gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku muhigo w'Akarere wa 2019/20, Inama Njyanama y'Akarere yawemeje | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Ukwezi 1 |
| **266/06/18-19** | Inama Njyanama yemeje ko umwiherero uzaba ku matariki ya 10 na 11/06/2019 ukabera i Muhanga | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi + CBM | Ukwezi 1 |
| **267/06/18-19** | Ishingiye ku ibaruwa ya Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi yo kuwa 17/07/2018 yandikiye Mayor w'Akarere ka Gisagara akagenera kopi Inama Njyanama y'Akarere;<br><br>Ishingiye ku isesengura ryakozwe n'Ishami ry'Ubutegetsi n'imicungire y'abakozi, aho iri shami ryasesenguye itegeko n'inyandiko;<br><br>Inama Njyanama yemeje ko abari ba Burugumesteri b'amakomini ya (Kibayi, Mugusa, Nyaruhengeri, Muyaga, Muganza, Ndora, Kigembe) bishyurwa ibirarane mbumbe batishyuwe kuva 1994 kugera mu 2000 bijyanye na Indemnités batahawe igihe bari abayobozi ku buryo bukurikira:<br><br>1. RUSAGARA Steeven wayoboraga Kibayi azahabwa 3,353,616Rwf | Cyatowe na 21/22 | Komite Nyobozi | Mu ngengo y'imari ya 2019/20 |

| **Nº y'icyemezo** | **Icyemezo cyafashwe** | Abagitoreye | Uwo bireba | Igihe kizashyirwa mu bikorwa |
|---|---|---|---|---|
| | 2. SEMANYENZI Justin wayoboraga Mugusa azahabwa 3,353,616Rwf<br>3. NGWIJE Alexis wayoboraga Nyaruhengeri azahabwa 2,874,528Rwf<br>4. KALISA Charles wayoboraga Muyaga azahabwa 2,874,528Rwf<br>5. NZAMBITARE Eugène wayoboraga Muganza azahabwa 2,891,316Rwf<br>6. RUZINDANA Bénoit wayoboraga Ndora azahabwa 537,937Rwf<br>7. RUZIBIZA Aloys wayoboraga Muganza azahabwa 224,574Rwf<br>8. RUHIGIRA Boniface wayoboraga Kigembe azahabwa 208,532Rwf | | | |
| **268/06/18-19** | Mu bindi:<br>-Ku bijyanye n'amakuru ku mahugurwa yakoreshejwe na LODA, hemejwe ko gahunda y'ishyirwamubikorwa rya gahunda nkomatanya izanozwa mu mwiherero<br>-Ku bijyanye n'amashanyarazi Rwamiko – Muganza, hazakorwa ubuvugizi haboneke «transformateur» nshya<br>-Ku bijyanye n'urugerero ruciye ingando ruri kubera mu murenge wa Kibirizi, abari mu nama bamenyeshejwe ko imirimo iri gukorwa itanga umusaruro | Cyatowe na 22/22 | Komite Nyobozi | Iminsi 5 nyuma y'uko ibyemezo bibaye itegeko |

<table>
<tr><th colspan="5">IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA YATERANYE KUWA 27/06/2019</th></tr>
<tr><th>Nº y'icyemezo</th><th>Icyemezo cyafashwe</th><th>Abagitoreye</th><th>Uwo bireba</th><th>Igihe kizashyirwa mu bikorwa</th></tr>
<tr><td>269/06/18-19</td><td>Inama Njyanama y'Akarere ka Gisagara yemeje ingengo y'imari y'Akarere ka Gisagara n'imigereka yayo ariyo: Imihigo ya 2019/20, Ibipimo by'imisoro n'amahoro 2019/20, Procurement Plan 2019/20 na Action Plan 2019/20, ingengo y'imari yemejwe ikaba igaragara mu bice 4 by'ingenzi bikurikira:
<table>
<tr><th>Inkomoko y'amafaranga</th><th>2019/20</th><th>%</th></tr>
<tr><td>1. Inkunga ya Leta itagenewe ibikorwa byihariye</td><td>2,308,516,125</td><td>12.43</td></tr>
<tr><td>2. Inkunga za Leta zigenewe ibikorwa byihariye igenewe</td><td>12,698,192,792</td><td>68.37</td></tr>
<tr><td>3. Amafaranga yinjizwa n'Akarere</td><td>580,842,970</td><td>3.13</td></tr>
<tr><td>4. Izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta n' amafaranga y'abaterankunga</td><td>2,983,858,713</td><td>16.07</td></tr>
<tr><td>Igiteranyo</td><td>18,571,410,600</td><td>100.00</td></tr>
</table></td><td>Cyatowe na 21/21</td><td>Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere/ CBM</td><td>FY 2019/20</td></tr>
</table>

# TUMENYE IMIKORERE Y'ABUNZI

**ITEGEKO No37/2016 RYO KU WA 08/09/2016 RIGENA IMITUNGANYIRIZE, IFASI, UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE Y'ABUNZI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Nyakanga 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 141 n'iya 176;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi.

### Ingingo ya 2: Ishyirwaho rya Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari n'urw'Umurenge

Hashyizweho, ku rwego rw'Akagari, Komite y'Abunzi ifite ifasi ingana n'Akagari. Hashyizweho kandi, ku rwego rw'Umurenge, urwego rw'ubujurire rwa Komite y'Abunzi rufite ifasi ingana n'Umurenge.

### Ingingo ya 3 : Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1º **icyemezo:** icyemezo gifatwa n'Inteko y'Abunzi mu mwiherero kikamenyeshwa abari bafitanye ikibazo ako kanya kunga bikirangira, kikandikwa mu nyandikomvugo;

2º **inyandikomvugo**: inyandiko ikubiyemo ibisobanuro byerekeye imigendekere yo kunga;

3º **umwanzuro**: inyandiko isobanura uburyo ikibazo cyashyikirijwe Komite y'Abunzi cyakemuwe.

### Ingingo ya 4: Urwego rushinzwe kunga

Komite y'Abunzi ni urwego rushinzwe kunga abantu ku bibazo biri mu bubasha bwayo.

Umurimo w'abagize Komite y'Abunzi ni umurimo w'ubwitange kandi udahemberwa.

### Ingingo ya 5: Ibisabwa kugira ngo ikibazo cyakirwe na Komite y'Abunzi

Ikibazo gishyikirijwe Komite y'Abunzi cyemerwa gusa iyo urega cyangwa uregwa afite ububasha, inyungu n'ubushobozi bwo gutanga ikibazo.

Iyo urega cyangwa uregwa adafite ubushobozi ahagararirwa n'umwishingizi we cyangwa umufiteho ububasha bwa kibyeyi.

Iyo udafite ubushobozi afitanye ikibazo n'umwishingizi we cyangwa umufiteho ububasha bwa kibyeyi, inama y'ubwishingire igena umuhagararira.

## UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE YA KOMITE Y'ABUNZI

### Ingingo ya 6: Abagize Komite y'Abunzi n'igihe manda yabo imara

Ku rwego rw'Akagari kimwe no ku rw'Umurenge, Komite y'Abunzi igizwe n'abantu barindwi (7) b'inyangamugayo, bose bagomba kuba batuye mu Kagari no mu Murenge, bitewe n'urwego barimo, kandi bazwiho ubushobozi bwo kunga.

Batorerwa igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa.

Abagize Komite y'Abunzi bagomba kuba barimo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore.

### Ingingo ya 7: Amatora y'abagize Komite y'Abunzi

Abagize Komite y'Abunzi batorwa n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa y'Umurenge, bitewe n'urwego barimo, mu bantu batari Abayobozi b'ikirenga, abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, abakozi mu nzego z'ubutabera, abari mu nzego z'umutekano, abakozi bo mu nzego z'ibanze n'abandi amategeko yihariye atabyemerera.

Amatora ategurwa, agakoreshwa kandi akayoborwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Iteka rya Perezida rigena uko amatora y'abagize Komite y'Abunzi akorwa.

### Ingingo ya 8: Indahiro y'Abunzi

Mu gihe kitarengeje iminsi irindwi (7) nyuma y'amatora, abatowe barahirira imbere y'abaturage, Perezida w'Inama Njyanama yo ku rwego bireba cyangwa Visi Perezida wayo mu gihe Perezida adahari, indahiro iteye itya:

"Jyewe,…………………, ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

1º ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;
2º ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
3º ko nzaharanira uburenganzira bwa Muntu n'ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;
4º ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;
5º ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
6º ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.

Imana ibimfashemo".

Indahiro yakirwa n'Urukiko rw'Ibanze rw'aho Komite y'Abunzi ikorera.

### Ingingo ya 9: Biro ya Komite y'Abunzi

Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari n'iyo ku rwego rw'Umurenge iyoborwa na Biro igizwe na Perezida na Visi Perezida batorwa na bagenzi babo.

Biro ya Komite y'Abunzi ishinzwe gukurikirana muri rusange imirimo ya Komite y'Abunzi. Igenzura imikorere n'imyitwarire y'abagize Komite y'Abunzi.

Biro iha Komite y'Abunzi amabwiriza yose n'izindi nama za ngombwa birebana n'imigendekere myiza y'akazi, ariko ntibituma igira ububasha bwo gutegeka abagize Inteko y'Abunzi uburyo bagomba gukemura ikibazo bashyikirijwe.

Biro kandi yandika impapuro zose zirebana n'imikorere ya Komite y'Abunzi.

## UMUTWE WA III: UBUBASHA BWA KOMITE Y'ABUNZI

### Ingingo ya 10: Ububasha bwa Komite y'Abunzi bushingiye ku kibazo cy'imbonezamubano

Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari ifite ububasha bwo gusuzuma ibibazo byose by'imbonezamubano byerekeranye n'ibi bikurikira:

1º umutungo wimukanwa n'utimukanwa n'izungura kuri iyo mitungo mu gihe agaciro kabyo katarengeje miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000 Frw);

2º kutubahiriza amasezerano yakozwe hagati y'abantu ku giti cyabo, iyo agaciro kayo katarengeje miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000Frw);

3º ibibazo by'umuryango uretse mu gihe igisabwa ari ugufata icyemezo ku irangamimerere y'abantu.

### Ingingo ya 11: Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo gusuzuma ikibazo

Mu byerekeranye n'ibibazo mbonezamubano biteganywa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko, Komite y'Abunzi iregerwa hitawe kuri kimwe muri ibi bikurikira:

1º Komite y'Abunzi yo mu ifasi y'aho ikiburanwa kiri;

2º Komite y'Abunzi y'aho uregwa atuye iyo ikiregerwa ari umutungo wimukanwa cyangwa Komite y'Abunzi y'aho urega atuye byumvikanyweho n'uwo bafitanye ikibazo.

Icyakora, iyo uhamagarwa adafite umwirondoro uzwi cyangwa adafite aho aba hazwi mu Rwanda, ikibazo gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.

Nta na rimwe Komite y'Abunzi ishobora kugezwaho ibirego birimo Leta, inzego zayo cyangwa imiryango n'ibigo bifite ubuzima gatozi byaba ibya Leta cyangwa ibitari ibya Leta.

### Ingingo ya 12: Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo gusuzuma ikibazo cyerekeye umutungo w'ubutaka uri mu mafasi menshi

Haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 2 n'iya 11 z'iri tegeko, iyo umutungo w'ubutaka wambukiranya imbibi z'amafasi menshi ya Komite z'Abunzi, Komite y'Abunzi ifite ububasha igenwa mu buryo bukurikira:

1º Komite y'Abunzi yo mu ifasi irimo igice cy'ubutaka kandi ituyemo abafitanye ikibazo bombi ni yo ifite ububasha bwo gukemura ikibazo;

2º iyo abafitanye ikibazo badatuye mu ifasi imwe, Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo kugikemura ni iyo mu ifasi y'aho igice cy'ubutaka kiri, kandi ituwemo n'umwe muri bo;

3º iyo abafitanye ikibazo bombi badatuye mu ifasi irimo umutungo w'ubutaka, Komite y'Abunzi yo mu ifasi y'aho igice kinini cy'ubutaka kiri ni yo ifite ububasha bwo gukemura ikibazo.

## UMUTWE WA IV: IMIKORERE YA KOMITE Y'ABUNZI

### Icyiciro cya mbere: Isuzumwa ry'ikibazo cyashyikirijwe Komite y'Abunzi

### Ingingo ya 13: Gushyikiriza ikibazo Komite y'Abunzi

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ni we wakira ibibazo bigomba gushyikirizwa Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari. Ikibazo gitangwa mu mvugo cyangwa mu nyandiko, kikandikwa mu gitabo cy'ibibazo bishyikirizwa Komite y'Abunzi.

Umunsi yashyikirijwe ikibazo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa, yuzuza impampuro zisobanura mu ncamake imiterere y'ikibazo akazishyikiriza Komite y'Abunzi kugira ngo itumize ufitanye ikibazo n'uwagitanze kandi igene ahantu, umunsi n'isaha ikibazo kizasuzumirwaho.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ni we wakira ibibazo bigomba gushyikirizwa Komite y'Abunzi ku rwego rw'Umurenge.

Iyo Umunyamabanga Nshingwabikorwa atabonetse cyangwa igihe ikibazo gishyikirijwe Abunzi kibareba cyangwa bagifitemo inyungu, ikibazo cyakirwa n'umusimbura mu kazi ke ka buri munsi.

Nta na rimwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa uw'Umurenge ajya mu nteko iburanisha.

### Ingingo ya 14: Ihamagazwa ry'uregwa

Urupapuro rutumiza uregwa rugezwa ku biro by'Akagari cyangwa iby'Umurenge uregwa atuyemo cyangwa mu bunyamabanga bw'ikigo akoreramo iyo ari umukozi, urwakiriye akagaragaza ko arwakiriye.

Urwo rupapuro rugaragaza incamake y'uko ikibazo giteye, ahantu, umunsi n'isaha uhamagawe azitabiraho Komite y'Abunzi, kandi bikamenyeshwa urega.

Uhamagajwe ahabwa nibura iminsi irindwi (7) mbere yo kwitaba Komite y'Abunzi ibarwa uhereye ku munsi yagerejweho urupapuro rumuhamagaza.

### Ingingo ya 15: Guhitamo Abunzi

Ku munsi wo kwitaba uvugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko, abafitanye ikibazo bahitamo, muri Komite y'Abunzi, Abunzi batatu (3) bumvikanyeho, bakabashyikiriza ikibazo cyabo.

Iyo abafitanye ikibazo badashoboye kumvikana ku bunzi bashyikiriza ikibazo cyabo, buri wese ahitamo umwunzi we, aba na bo bakumvikana ku wa gatatu. Iyo abafitanye ikibazo bahurije ku mwunzi umwe, uyu atoranya muri Komite y'Abunzi Abunzi babiri (2) bo kumufasha. Abafitanye ikibazo ntibemerewe kwanga umwunzi cyangwa Abunzi batoranyijwe kuri ubwo buryo.

Inteko y'Abunzi iburanisha yitoramo Perezida n'umwanditsi wayo ugomba kuba azi gusoma no kwandika.

### Ingingo ya 16: Inteko isuzuma ikibazo cyerekeye Komite y'Abunzi cyangwa benshi mu bayigize

Umwunzi abujijwe kujya mu Nteko isuzuma ikibazo kimureba cyangwa afitemo inyungu iyo ari yo yose. Ashobora kwanga ubwe kuyijyamo cyangwa akihanwa n'uruhande rufite ikibazo kigomba gusuzumwa.

Iyo ikibazo gisuzumwa cyerekeye abagize Komite y'Abunzi bose cyangwa abenshi mu bayigize ku rwego rw'Akagari cyangwa urw'Umurenge, ku buryo bidashoboka kubona inteko igomba kugisuzuma, Perezida wa Komite y'Abunzi amenyesha icyo kibazo mu nyandiko umukozi ushinzwe guhuza ibikorwa bya Komite y'Abunzi ku Karere mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uhereye igihe ikibazo cyagaragariye.

Umukozi ushinzwe guhuza ibikorwa bya Komite y'Abunzi, ku bufatanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa uw'Umurenge icyo kibazo kirimo, atira mu Kagari cyangwa Umurenge byegeranye n'aho ikibazo cyagaragaye Abunzi bo kugikemura.

### Ingingo ya 17: Uburyo kunga bikorwamo

Kunga bikorerwa mu ruhame, keretse iyo Abunzi, babyibwirije cyangwa babisabwe, basanze ikibazo gikwiye gusuzumwa mu muhezo kubera imiterere yacyo.

Abagize Komite y'Abunzi batatoranyijwe ngo basuzume ikibazo bemerewe gukurikirana imirimo yo kunga ariko ntibagira uruhare mu gufata ibyemezo.

Iyo bunga abafitanye ikibazo, Abunzi bumva buri ruhande, ndetse bakumva n'abatangabuhamya iyo batanzwe n'abafitanye ikibazo. Bashobora kandi kumva n'undi muntu wese bifuza kugira icyo babaza mu gihe cyose byabafasha kurushaho gusobanukirwa neza n'ikibazo bashyikirijwe.

Iyo basuzuma ikibazo, Abunzi bumvikanisha impande zombi. Iyo kumvikanisha impande zombi binaniranye, bafata icyemezo bakurikije amategeko, umuco w'aho ikibazo gikemurirwa n'umutimanama wabo, gipfa gusa kuba kitanyuranye n'amategeko yanditse.

Imbere y'Inteko y'Abunzi, Avoka ashobora kugira inama uwamwiyambaje ariko ntashobora kumuhagararira cyangwa ngo ahabwe ijambo mu rwego rwo kumuburanira.

Urega, uregwa cyangwa umutangabuhamya ashobora kwiyambaza umusemuzi agahabwa ijambo imbere y'Inteko y'Abunzi. Ikiguzi cye cyishingirwa n'uwamwiyambaje.

Abunzi bagomba kuba bakemuye ikibazo mu gihe kitarenze ukwezi uhereye igihe ikibazo cyandikiwe mu gitabo cy'ibibazo cya Komite y'Abunzi.

### Ingingo ya 18: Gukemura ikibazo umwe mu bagifitanye adahari

Iyo ku munsi wo kwitaba, uwatumijwe atitabye, arongera agatumizwa, akanamenyeshwa ko ku munsi atumijweho, Abunzi bafata icyemezo, yaba yitabye cyangwa atitabye.

Iyo na none uwatumijwe atitabye ku munsi yahawe wo kwitaba, uwatanze ikibazo ahitamo umwunzi, Komite y'Abunzi na yo igahitamo undi, aba na bo bakumvikana ku wa gatatu, bagasuzuma ikibazo adahari.

Icyakora, iyo basanze impamvu yatumye atitaba ifite ishingiro, bimurira isuzumwa ry'ikibazo ku wundi munsi bagena, bakabimenyesha mu buryo buteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ibiteganywa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo ni na byo bikurikizwa mu gihe uwareze ari we utitabye.

### Ingingo ya 19: Uburenganzira bwo kugoboka mu kibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugoboka mu kibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi ataregeye cyangwa atarezwemo, mu gihe cyose umwanzuro kuri icyo kibazo ushobora kugira icyo umurenganyaho. Ashobora kugoboka ku bushake cyangwa abihatiwe n'Inteko y'Abunzi. Icyakora, guhatirwa kugoboka bigamije gusaba ko uwagobokeshejwe agira icyo acibwa ntibishobora gukorwa bwa mbere mu rwego rw'ubujurire.

Ushaka kugoboka mu kibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi ashyikiriza ubusabe bwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa wo ku rwego bireba na we akagishyikiriza Komite y'Abunzi. Ihamagarwa rikorwa mu buryo buteganyijwe mu ngingo ya 14 y'iri tegeko.

Uwagobotse afite uburenganzira bwo kwitabaza inzira z'ubujurire ziteganywa n'iri tegeko igihe atishimiye umwanzuro wa Komite y'Abunzi.

## Icyiciro cya 2: Ifatwa ry'umwanzuro

### Ingingo ya 20: Kwiherera no gufata icyemezo

Iyo gusuzuma ikibazo birangiye, Abunzi bariherera kugira ngo bafate icyemezo.

Icyemezo cy'Abunzi gifatwa ku bwumvikane hagati yabo, bitashoboka kigafatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi.

Icyemezo gishyirwa mu nyandikomvugo, ishyirwaho umukono kuri buri rupapuro n'Abunzi bose bagize Inteko n'abarebwa bose n'icyo kibazo, kunga bikirangira.

Umwanzuro ugomba kuboneka wanditse kandi usinywe n'Abunzi kuri buri rupapuro mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) kuva icyemezo gifashwe. Iyo bidakozwe, Abunzi bireba bashobora guhabwa ibihano byo mu rwego rw'myitwarire igenga Abunzi mu kazi biteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

### Ingingo ya 21: Ibikubiye mu mwanzuro wa Komite y'Abunzi

Umwanzuro wa Komite y'Abunzi ugaragaza ibi bikurikira:

1º umwirondoro w'abafitanye ikibazo;

2º incamake y'ikibazo;

3º ingingo abafitanye ikibazo baburanisha;

4º icyemezo cyafashwe abafitanye ikibazo bose bemeranywaho;

5º icyemezo cyafashwe umwe mu bafitanye ikibazo atemera, mu gihe gihari;

6º itariki n'ahantu ikibazo cyakemuriwe;

7º imikono cyangwa ibikumwe by'abafitanye ikibazo;

8º amazina y'Abunzi n'imikono yabo cyangwa ibikumwe byabo;

9º amazina y'umwanditsi n'umukono we cyangwa igikumwe cye.

Umwanzuro wa Komite y'Abunzi ugomba gushyirwaho kashi ya Komite y'Abunzi kandi ukabikwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ari na we uwushyikiriza abo bireba.

Iyo hari umwe mu bunzi utemeranyijwe n'abandi ku cyemezo cyafashwe, byandikwa muri uwo mwanzuro n'impamvu yatanze.

Perezida w'inteko y'Abunzi yasuzumye ikibazo ntiyemerewe kurenza iminsi itanu (5) ataramenyesha abafitanye ikibazo umwanzuro wa Komite y'Abunzi wanditse uhereye ku munsi wabonekeyeho.

### Ingingo ya 22: Agaciro k'umwanzuro wa Komite y'Abunzi

Umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi ukemerwa n'abafitanye ikibazo ufatwa kuri bo nk'amasezerano bumvikanyeho, ariko ntushobora kwitwazwa ku bandi bantu batarebwa n'icyo kibazo.

### Ingingo ya 23: Gusaba gusobanura cyangwa gukosora umwanzuro wa Komite y'Abunzi

Ikibazo gisaba gusobanura cyangwa gukosora umwanzuro wa Komite y'Abunzi gishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'urwego bireba na we akagishyikiriza Komite y'Abunzi.

Ikibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi yafashe uwo mwanzuro. Iyo idashoboye kuboneka Komite y'Abunzi yitoramo Inteko isuzuma icyo kibazo mu buryo buteganywa mu ngingo ya 15 y'iri tegeko.

Ikibazo gisuzumwa hatongewe gutumizwa abafitanye ikibazo. Umwanzuro ufashwe wuzuza uwasabiwe gukosorwa cyangwa gusobanurwa kandi ntujuririrwa.

## Icyiciro cya 3: Inzira zo kujurira

### Ingingo ya 24: Gusubirishamo umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi

Umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi uregwa cyangwa urega adahari ushobora gusabirwa gusubirwamo mu gihe

kitarenze iminsi icumi (10) uhereye igihe usubirishamo yamenyesherejwe umwanzuro wa Komite y'Abunzi.

Gusaba gusubirishamo uwo mwanzuro bishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'urwego ikibazo kiriho mu nyandiko cyangwa mu magambo.

Inteko y'Abunzi yawufashe, igizwe n'Abunzi bose bari bayigize niyo isuzuma ubwo busabe. Mu gihe badashoboye kuboneka busuzumwa n'abandi bunzi bo muri iyo Komite batoranywa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 15 y'iri tegeko.

Umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi uregwa cyangwa urega adahari ntushobora kujuririrwa mbere y'uko igihe cyo gusubirishamo kirangira.

### Ingingo ya 25: Kujuririra umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari

Umwe mu bafitanye ikibazo utemeye umwanzuro wa Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Akagari, ashobora, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), uhereye ku munsi yashyikirijweho umwanzuro wanditse, kujuririra Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Umurenge.

Mu bujurire, Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Umurenge isuzuma gusa ingingo urega anenga ku mwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Akagari kandi atigeze yemerera imbere yabo.

Kujuririra umwanzuro wa Komite y'Abunzi wafashwe ku rwego rw'Akagari ntibitangirwa igarama.

### Ingingo ya 26: Gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi

Umuntu wese utareze cyangwa ngo aregwe mu kibazo cyasuzumwe na Komite y'Abunzi ariko agifitemo inyungu iyo ari yo yose, ashobora gutambamira umwanzuro wafashwe umurenganya kugira ngo usubirwemo iyo we cyangwa abo ahagarariye ntawatumiwe mu isuzumwa ry'icyo kibazo.

Gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi bikorwa mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) uhereye igihe utanze ikirego yamenyeye umwanzuro wa Komite y'Abunzi, akabitangira ibimenyetso. Iyo icyo gihe kirenze, gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi ntibyakirwa.

Gusaba gutambamira uwo mwanzuro bishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'urwego ikibazo kiriho mu nyandiko cyangwa mu magambo.

Inteko y'Abunzi yawufashe, igizwe n'Abunzi bose bari bayigize, niyo isuzuma iryo tambamira. Mu gihe badashoboye kuboneka risuzumwa n'abandi bunzi bo muri iyo Komite batoranywa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 15 y'iri tegeko.

Iyo gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi byakiriwe, gusuzuma ikibazo byongera gutangira bundi bushya.

## Icyiciro cya 4:Kuregera urukiko

### Ingingo ya 27: Kuregera Urukiko rw'Ibanze

Umwe mu bafitanye ikibazo utishimiye umwanzuro wa Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Umurenge ashobora, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yashyikirijweho umwanzuro wa Komite y'Abunzi wanditse, gushyikiriza ikirego Urukiko rw'Ibanze rubifitiye ububasha.

Kuregera urukiko bikorwa habanje gutangwa igarama.

### Ingingo ya 28: Ingingo zisuzumwa n'urukiko rwaregewe

Ingingo zumvikanyweho n'abafitanye ikibazo imbere ya Komite y'Abunzi ntizishobora kuregerwa mu Rukiko rw'Ibanze.

Urega agomba, mu gihe atanga ikirego mu Rukiko rw'Ibanze, gutanga umwanzuro wa Komite y'Abunzi. Iyo bitabaye ibyo ikirego cye nticyakirwa n'umwanditsi w'Urukiko.

Urukiko rwaregewe rusuzuma gusa ingingo urega anenga ku mwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi kandi atigeze yemera imbere yayo. Iyo bibaye ngombwa, urukiko rushobora gusaba kopi y'inyandikomvugo yakozwe n'Abunzi.

## Icyiciro cya 5: Ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi

### Ingingo ya 29: Ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi

Umwanzuro wafashwe n'Abunzi wubahirizwa ku bwumvikane bw'abafitanye ikibazo.

Icyakora, iyo umwe mu bafitanye ikibazo yanze kubahiriza umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi, urebwa n'icyo kibazo bibangamiye ashobora gusaba ko ushyirwa mu bikorwa ku ngufu hakurikijwe amategeko asanzwe yerekeranye no kurangiza imanza hakoreshejwe ingufu. Icyo gihe, asaba mu magambo cyangwa mu nyandiko Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwo mu ifasi y'aho umwanzuro wafatiwe kuwushyiraho kashempuruza.

Gusaba gushyira kashempuruza ku mwanzuro wa Komite y'Abunzi ntibitangirwa igarama.

Perezida ashyira kashempuruza kuri uwo mwanzuro nyuma yo kubona inyandiko y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho ikibazo cyakemuriwe yemeza ko uwo mwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi kandi ko utagishoboye kujuririrwa cyangwa kuregerwa urukiko.

Perezida w'Urukiko rw'Ibanze ntashobora kwanga gushyira kashempuruza ku mwanzuro wa Komite y'Abunzi keretse gusa mu gihe ibikubiye mu mwanzuro cyangwa ishyirwa mu bikorwa ryawo binyuranyije n'amategeko ndemyagihugu. Icyo gihe, amenyesha mu nyandiko Komite y'Abunzi icyemezo cye kugira ngo Inteko y'Abunzi yafashe umwanzuro ikosore ibyerekeranye n'ayo mategeko ndemyagihugu atubahirijwe.

### Ingingo ya 30: Ikibazo kivutse mu irangiza ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi

Ikibazo kivutse mu irangiza ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi gishyikirizwa Komite y'Abunzi nayo ikagishyikiriza Inteko y'Abunzi yafashe uwo mwanzuro mu rwego rwa nyuma kugira ngo isobanure kurushaho uwo mwanzuro bityo ishyirwa mu bikorwa ryawo rishoboke. Mu gihe Abunzi bari bagize Inteko yasuzumye icyo kibazo badashoboye kuboneka, ikibazo cyerekeranye n'irangizwa ry'umwanzuro gishyikirizwa iyo Komite, kigasuzumwa n'indi Nteko itoranywa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 15 n'iya 16 z'iri tegeko.

## Icyiciro cya 6: Imyitwarire ya Komite y'Abunzi

### Ingingo ya 31: Imyitwarire y'Abunzi

Imyitwarire y'Abunzi ikurikiranwa na Biro ya Komite y'Abunzi ivugwa mu ngingo ya 9 y'iri tegeko.

Iteka rya Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze rigena imyitwarire y'Abunzi.

**Ingingo ya 32: Ihagarikwa ry'umwe u bagize Komite y'Abunzi**

Ibyibwirije cyangwa ibisabwe n'abaturage, Komite y'Abunzi ishobora guhagarika by'igihe kitarenze ukwezi kumwe (1) umwe mu bayigize kubera kubogama cyangwa indi myitwarire igayitse. Icyo cyemezo gifatwa nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Komite y'Abunzi, umwunzi ukemangwa amaze guhabwa umwanya wo kwisobanura.

Umwe mu bagize Komite y'Abunzi ashobora kuvanwa burundu ku mirimo ye n'abamutoye, igihe bigaragaye ko atagishoboye kuzuza inshingano ze.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena uko umwe mu bagize Komite y'Abunzi avanwa ku mirimo ye.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Icyiciro cya mbere: Ingingo zinyuranye**

**Ingingo ya 33: Urwego rukurikirana ibikorwa bya Komite z'Abunzi**

Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo ni yo ireberera ibikorwa bya Komite z'Abunzi. Ibafasha kugera ku nshingano zabo, ibinyujije mu mahugurwa, no mu kubashakira ibikoresho. Ifatanya kandi na Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo gukurikirana ibikorwa bya Komite z'Abunzi.

**Ingingo ya 34: Irangira rya manda y'Abunzi bariho**

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 2 n'iya 6 z'iri tegeko, abagize Komite y'Abunzi ku munsi iri tegeko ritangira gukurikizwa, baguma ku murimo wabo kugeza igihe manda yabo izarangirira.

**Ingingo ya 35: Ibarwa ry'ibihe biteganyijwe muri iri tegeko**

Ibihe bibarwa mu minsi, bibarwa umunsi ku wundi hakurikijwe igihe bimara. Icyakora, umunsi igikorwa cyakoreweho ntubarwa ahubwo habarwa umunsi wa nyuma igikorwa kigomba kurangiriraho.

Iyo umunsi wa nyuma igikorwa kigomba kurangiriraho uhuye n'umunsi w'ikiruhuko cyangwa impera y'icyumweru, wimurirwa ku munsi w'akazi ukurikiraho.

**Icyiciro cya 2: Ingingo z'inzibacyuho**

**Ingingo ya 36: Ibibazo by'imbonezamubano byari byarashyikirijwe Komite y'Abunzi**

Ibibazo by'imbonezamubano byashyikirijwe Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari cyangwa urw'Umurenge bitakiri mu bubasha bwayo hashingiwe kuri iri tegeko kandi bikaba bitarafatirwa umwanzuro ndakuka ku munsi iri tegeko ritangira gukurikizwa, bishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 37: Ibirego byashyikirijwe Komite y'Abunzi**

Ibirego by'inshinjabyaha byashyikirijwe Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari cyangwa urw'Umurenge kandi bitarafatirwa umwanzuro ndakuka ku munsi iri tegeko ritangira gukurikizwa, bishyikirizwa Ubugenzacyaha bubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 38: Agaciro k'ibyakozwe**

Umwanzuro wa Komite y'Abunzi wafashwe hakurikijwe Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu kandi ukaba warabaye ndakuka ugumana agaciro kawo.

**Ingingo ya 39: Uburyo bwo guhererekanya amadosiye n'igihe bikorwamo**

Perezida wa Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari no ku rwego rw'Umurenge ashyikiriza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge raporo y'ibibazo n'iy'ibirego bivugwa mu ngingo ya 36 n'iya 37 z'iri tegeko.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashyikiriza ibibazo n'ibirego inzego zikurikira:

1º Ubugenzacyaha bushyikirizwa ibirego by'inshinjabyaha;

2º Urukiko rw'Ibanze rushyikirizwa ibibazo mbonezamubano uretse ibibazo bishingiye ku masezerano y'umurimo bishyikirizwa Ubugenzuzi bw'Umurimo bubifitiye ububasha.

Ibivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bigomba kuba byashyizwe mu bikorwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nyuma y'uko iri tegeko ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Icyiciro cya 3 : Ingingo zisoza**

**Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 41: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 42: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 08/09/2016

(sé)
**KAGAME Paul Perezida wa Repubulika**

(sé)
**MUREKEZI Anastase Minisitiri w'Intebe**

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
(sé)

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

## IMYANZURO Y'UMWIHERERO W'ABAYOBOZI BO MU NTARA Y'AMAJYEPFO

Kuva ku wa 27 kugera ku wa 29 Nyakanga 2019, mu Karere ka Muhanga muri Hotel Saint Andre i Kabgayi habereye umwiherero w'Abayobozi bo mu Ntara y'Amajyepfo wateguwe n'Ubuyobozi b'Intara y'Amajyepfo ku nsanganyamatsiko igira iti: "**Accelerating service delivery for transformational governance**"

Umwiherero watangijwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Prof. SHYAKA Anastase

Umwiherero witabiriwe n'abayobozi basaga 250 baturutse mu nzego zikurikira:

- Guverineri w'Intara, CG Emmanuel K.GASANA
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara
- Abakozi b'Intara y'Amajyepfo
- Abakozi bo mu bigo bikorana n'Intara (RCA, RAB, NEC, CNF, NCDP, PSF,NURC, RLMUA)
- Abagize biro y'Inama Njyanama z'Uturere
- Komite Nyobozi z'Uturere
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Uturere
- Abayobozi b'Imirimo rusange ( Corporate and Division Managers)
- Abayobozi b'Amashami ku rwego rw'Akarere
- Abahuzabikorwa ba DASSO mu Turere
- Abahagarariye Abikorera mu Karere
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge

Abari mu mwiherero bunguranye ibitekerezo ku biganiro bikurira:

- Uburyo bwo kwihutisha iterambere ry'Intara cyatanzwe na Dr Nsanzabaganwa Monique, Umuyobozi wa Komite Ngishwanama mu iterambere ry'Intara.
- Imikorere n'imikoranire hagati y'inzego za Leta n'abafatanyabikorwa cyatanzwe na Uwamariya Josephine ukuriye ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu Ntara y'Amajyepfo
- Gutanga Serivisi zinoze kandi zifite ireme hagamijwe gukora kinyamwuga (***Quality service delivery to enhance professionalism***) cyatanzwe n'itsinda rigizwe na MUSANGABATWARE Clement, Umuvunnyi wungirije; Dr KAYITESI Usta, Ag CEO RGB; MURANGWA Yussuf umuyobozi wa NISR; NDAYISABA Fidele, Umuyobozi wa NURC; NGENDAHIMANA Ladislas, Umunyamabanga Mukuru wa RALGA. Umuhuza w'ibiganiro yari Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru HABITEGEKO Francois
- Kugaragaza ibyo ukora hagamijwe kuba indashyikirwa mu kongera umusaruro w'ibyo dukora (***Accountable governance for quality performance***) cyatanzwe n'itsinda rigizwe na BIRARO Obediah Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, RWAMUGANZA Caleb, Umunyamabanga Uhoraho muri MINECOFIN, MUKASHYAKA Drocelle; Komiseri mu Kigo cy'Imisoro n'Amahoro, BAHENDA Joseph, Uhagarariye LODA. Umuhuza w'ibiganiro yare NTAGANDA Erasme, Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza
- Uruhare rw'itangazamakuru mu kwihutisha impinduka mu miyoborere (***The role of media to enhance the transformational governance***) cyatanzwe na cyatanzwe na Bwana Ruzindana Rugasaguhunga, Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho muri "Office of the Government Spokesperson"

- Kwita ku bibazo bibangamira imibereho myiza y'abaturage hagamijwe kwihutisha iterambere ry'igihugu (***Enabling human security schemes to fast-track national development agenda***) cyatanzwe n'itsinda rigizwe na: Dr KARANGWA Patrick, Umuyobozi Mukuru wa RAB, TUSIIME Angelique, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa REB; TUSABE Richard, Umuyobozi Mukuru wa RSSB/Ejo Heza Scheme na MUCUMBITSI Alexis na Umuyobozi w'agateganyo NECDP. Umuhuza w'Ibiganiro yari UWAMARIYA Beatrice, Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga
- Ubufatanye bw'inzego mu kubungabunga Umutekano nk'inkingi y'iterambere (**Partnership in enhancing security for National development agenda** cyatanzwe n'itsinda rigizwe na Brig.Gen Rutaha Denis, Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo, CSP NSHUTI Frank, Umuyobozi wa Polisi Mu Ntara y'Amajyepfo, KAMARAMPAKA Consolee, Umuyobozi wa RIB mu Ntara y'Amajyepfo na NDIKUMWENAYO Felin, Umuyobozi wa NISS/IS mu Ntara y'Amajyepfo. Umuhuza w'Ibiganiro yari Umuyobozi w'Akarere ka Huye SEBUTEG Ange
- Ikiganiro ku micungire y'abakozi ba leta cyatanzwe na KANAMUGIRE Olivier wo muri PSC

Nyuma ya buri kiganiro abitabiriye umwiherero bunguranye ibitekerezo bafata imyanzuro ikurikira:

1. Kwita ku murongo ngenderwaho wa politiki y'Igihugu no kugendera ku ndangagaciro u Rwanda rwiyemeje kugenderaho harimo kubumbatira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, kurwanya ruswa, gukorana umurava, kubahiriza igihe, kwita ku nshingano, gukora neza ibyo dushinzwe, gufata ibyemezo mu gihe gikwiriye, kumenyakanisha ibyo dukora, gutanga serivisi nziza kandi zihuse, gukora akazi kinyamwuga no kwirinda « ***routine*** », kuba intangarugero muri byose, gukorera hamwe guharanira kwiyungura ubwenge no kuba indashyikirwa, byose bigamije kwihutisha iterambere rishingiye ku muturage, gukemura ibibazo by'abaturage badafite aho kuba bikaba umwihariko.
2. Kunoza imikorere n'imikoranire hagati y'inzego kugira ngo hihutishwe servisi zihabwa abaturage kandi akazi kakanozwa hagamijwe kuba indashyikirwa, bityo raporo y'ibyakozwe igatangirwa igihe ikagaragaza imiterere y' igikorwa, ibibazo bigaragara n'ingamba zo kubikemura.
3. Gufata umwanya wo guhora twisuzuma kugira ngo turebe aho dufite intege nke, ibyo bikaduha ingufu zo kwita ku nshingano zacu, guhuza icyerekezo cy'Igihugu NST-1, igenamigambi n'ubushobozi dufite tugamije kuzana impinduka yifuzwa ku buryo budasanzwe, tugakora byinshi byiza ku nyungu z'abaturage.

4. Gushyira ingufu mu kongerera ubushobozi Abayobozi kugira ngo barusheho gusobanurira neza abaturage umurongo wa politiki Igihugu kigenderaho, amahame y'ingenzi mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge by'abanyarwanda, kubahiriza indangagaciro na kirazira, kubungabunga umutekano n'ubutabera butanga icyizere, kwirinda no kurwanya ruswa n'akarengane, kwihutisha iterambere rishingiye ku muturage ahabwa uruhare mu bimukorerwa no kubaka inzego zitanga umusaruro.

5. Gukoresha amahirwe yose dufite no gushyira ingufu mu bufatanye hagati y'inzego zose ari iza Leta cyangwa iz'Abikorera, Abafatanyabikorwa mu iterambere bakorera mu Turere, imiryango itari iya Leta, gukora byinshi byiza bikagaragarira buri wese kandi bifite umwihariko w'Intara y'Amajyepfo (**Big-Bold-Brand**) tukabikora twihutisha imitangire ya servisi ijyanye n'impinduka yifuzwa mu Ntara y'amajyepfo harimo gukorera mu mucyo, gusobanurira rubanda icyo dukora no gucunga neza ibya rubanda, ibi bigakorwa hanozwa igenamigambi rihuriweho n'izo nzego kandi rishingiye ku mibare nyayo, riteguriwe igihe, hitabwa ku bitekerezo by'umuturage kandi ingengo y' imari itangwa na Leta igahuzwa n'iy'Abafatanyabikorwa, igacungwa neza kugira ngo ishyirwa mu bikorwa, ikurikirana n'isuzuma ry'ibyo twiyemeje byihutishwe.

6. Kwihutisha iterambere ry'Intara y'Amajyepfo hagamijwe kongerera agaciro (***value chain***) ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bukozwe kinyamwuga, hakoreshwa inyongeramusaruro no kwagura ubuso buhingwaho ibihingwa byatoranyijwe mu Ntara yacu birimo: imyumbati, icyayi, kawa, umuceri, ingano, ibigori, imboga, imbuto n'urutoki ruvuguruye ndetse no guteza imbere ubukerarugendo (***Tourism corridor***) hitabwa ku kubaka ubushobozi bw'inzego zibishinzwe.

7. Hubakiwe kuri gahunda yo kwishakamo ibisubizo no guhanga udushya, Abayobozi biyemeje gushyira imbaraga no kwita kuri gahunda zose za leta zizamura imibereho myiza y'abaturage hitabwa cyane cyane ku ishyirwa mu bikorwa ryazo, kwirinda kunyereza iby'abatishoboye, kugaragaza neza uburyo izo gahunda zishyirwa mu bikorwa no kubazwa imicungire y'izo gahunda za Leta (***accountability***), gufasha no kwigisha ababyeyi kwita ku bana babo kuva bagisamwa no kubaha indyo yuzuye, guhyira imbaraga mu gikoni cy'Umudugudu kugira ngo abo bana barindwe igwingira n'ingaruka zaryo, gukemura amakimbirne mu miryango, gushyira imbaraga mu gukemura ikibazo cy'isuku nke, gukurikirana imyigire y'abanyeshuri no gukurikirana imikorere y'Abayobozi b'Ibigo by'amashuri kugira ngo abiga bahabwe uburezi bufite ireme. Kongera kandi ubukangurambaga mu kwizigama kwa buri muturage muri gahunda ya « Ejo-Heza » hitabwa cyane cyane ku byiciro byihariye kandi hagashyirwaho itsinda rigomba kujya rihugura abandi.

8. Gukurikiza amahame y'imicungire y'imari ya leta kugira ngo ikoreshwe ibyo yateganyirijwe kandi ku gihe hirindwa ubukererwe bugaragara mu mitangire y'amasoko no mu ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga, guhanahana amakuru kugira ngo ahantu hose hashobora kuba icyuho cyo kunyereza imisoro n'amahoro hakumirwe bityo Uturere tugire raporo ntamakemwa (***clean Audit***).
   Abagize inama Njyanama na Komite Nyobozi bagomba kongererwa ubushobozi mu micungire y'Imari n'umutungo bya Leta kugira ngo bagire ubumenyi ku itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'ikurikirana ry'imikoreshereze n'imicungire y'ingengo y'imari kugira ngo turwanye raporo mbi (***adverse opinion***) mu micungire y'imari n'umutungo bya leta. Ibi bikazakorwa ku bufatanye bwa MINECOFIN na RALGA.

9. Kurangiza ibibazo by'abatagira amacumbi n'ubwiherero aho baba bitarenze umwaka w'ingengo y'imari ya 2019-2020 no gushyira ingufu muri gahunda zose zigamije kurwanya ubukene mu baturage b'Intara y'Amajyepfo.

10. Gukorana kenshi n'itangazamakuru mu kugaragaza ibikorwa by'indashyikirwa by'iterambere bikorerwa mu Ntara y'Amajyepfo ndetse no kubiranga kugira ngo n'abandi bamenye ibikorwa byiza biriho bikorwa. Ubuyobozi bw'Intara n'Ubuyobozi bw'Uturere buzategura amahugurwa y'Abayobozi ku nzego z'imitegekere y'Igihugu yegerejwe abaturage ndetse n'Abakozi bashinzwe kumenyekanisha ibikorwa by'Akarere (Public relations and communication Officers) mu gukoresha itangazamakuru n'imbuga nkoranyambaga kugira ngo zijye zifashishwa mu gusakaza ibyiza bikorerwa mu Turere. Bizakorwa ku bufatanye bwa RALGA na OGS.

11. Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga imicungire y'Abakozi ba Leta kugira ngo abakora amakosa bayabazwe ariko kandi twirinda ibyatuma Uturere twishora mu manza zatuma Leta itsindwa.
12. Uturere dufite Imijyi yunganira Kigali « ***Secondary Cities*** » twiyemeje gukora Igenamigambi rishingiye ku kongera inganda ziganisha mu gutanga akazi kandi ibikorewemo bikagira impinduka ku muturage ubikoresha

13. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iba yarafashwe mbere n'Abayobozi hagamijwe kugira ngo igere ku musaruro wari utegerejwe, imigendekere y'ibikorwa ikajya igaragazwa hakoreshejwe amabara y'umutuku, umuhondo n'icyatsi bitewe naho igikorwa kigeze gishyirwa mu bikorwa.
14. Abari mu mwiherero biyemeje kwesa imihigo basinyana na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.
15. Kwirinda no kurwanya ibintu byose byayobya abaturage nk'ibihuha, ibitekerezo bibi, ibiyobyabwenge, ubuzererezi mu bana n'urubyiruko, gutwara inda zitateganijwe mu bangavu, gukora amarondo neza uko bikwiye, gushishikariza abaturage gutangira amakuru ku gihe hagamijwe gukumira icyaha kitaraba no kwirindira umutekano hanozwa imikorere n'imikoranire hagati y'inzego ndetse n'abaturage.
16. Abari mu mwiherero biyemeje kugira ubufatanye bwimbitse bwo gukumira no kurwanya ibyaha n'ibisa nabyo. Ibyo birasaba kugira umutima wo gukunda Igihugu no kukitangira (patriotism).
17. Abari mu mwiherero biyemeje gushyira umuturage ku isonga muri gahunda za Leta zose.
18. Abari mu mwiherero bemeranyijwe ku Igenamigambi ry'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi myanzuro hagaragazwa igihe ndetse n'ushinzwe kuyishyira mu bikorwa nk'uko bigaragara ku ugereka.

Bikorewe i Muhanga ku wa 29.07.2019

**MUGWANEZA Evanice**
Umunyamabanga wa Guverineri

**CG Emmanuel K. GASANA**
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo